| | | |
|---|---|---|
| **AMABWIRIZA YA MINISITIRI N° 01/19.23 YO KUWA 01/08/2014 YEREKEYE UBURYO BWO GUSHYIRA ABAKOZI MU MYANYA NYUMA Y'IVUGURURA RY'INZEGO Z'IMIRIMO YA LETA RYAKOZWE MU MWAKA WA 2014** | **MINISTERIAL INSTRUCTIONS N° 01/19.23 OF 01/08/2014 ON PLACEMENT OF PUBLIC SERVANTS AFTER 2014 RESTRUCTURING OF PUBLIC SERVICE INSTITUTIONS** | **INSTRUCTIONS MINISTERIELLES N° 01/19.23 DU 01/08/2014 PORTANT MODALITES D'AFFECTATION DES AGENTS DE L'ETAT APRES LA RESTRUCTURATION DE LA FONCTION PUBLIQUE DE 2014** |
| **ISHAKIRO** | **TABLE OF CONTENTS** | **TABLE DES MATIERES** |
| **UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE** | **CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS** | **CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GENERALES** |
| **Ingingo ya mbere: Icyo aya mabwiriza agamije** | **Article one: Purpose of these instructions** | **Article premier : Objet des présentes instructions** |
| **Ingingo ya 2: Abarebwa n'aya mabwiriza** | **Article 2: Scope of application** | **Article 2: Champ d'application** |
| **Ingingo ya 3: Amahame agenderwaho mu gushyira Abakozi mu myanya** | **Article 3: Guiding principles for placement of public servants** | **Article 3 : Les principes guidant l'affectation des agents de l'Etat** |
| **Ingingo ya 4: Ibyiciro by'Abakozi bari mu myanya irebwa n'aya mabwiriza** | **Article 4: Categories of public servants governed by these instructions** | **Article 4 : Catégories des agents de l'Etat régis par ces instructions** |
| **Ingingo ya 5: Uko ibikorwa bikurikirana mu kubahiriza aya mabwiriza** | **Article 5: Steps followed in these implementation of these instructions** | **Article 5 : Etapes à suivre dans la mise en application de ces instructions** |
| **Ingingo ya 6:Itsinda rishinzwe gushyira mu bikorwa ivugurura ry'Urwego** | **Article 6: Panel responsible for implementation of the restructuring of the institution** | **Article 6 : Le jury chargé de la mise en application de la restructuration de l'institution** |

| | | |
|---|---|---|
| Ingingo ya 7: Inshingano z'itsinda rishinzwe gushyira mu bikorwa ivugurura ry'urwego | Article 7: Responsibilities of the Panel responsible for implementation of the restructuring of the institution | Article 7 : Attributions du Jury chargé de la mise en application de la restructuration de l'institution |
| UMUTWE II: UBURYO ITSINDA RISUZUMA IBISHINGIRWAHO MU GUSHYIRA ABAKOZI MU MYANYA | CHAPTER II: MODALITIES FOR ANALYZING CRITERIA FOR PLACING PUBLIC SERVANTS | CHAPITRE II : MODALITES DE VERIFICATION DES CRITERES GUIDANT L'AFFECTATION DES AGENTS DE L'ETAT |
| Ingingo ya 8:Kugenzura isuzumabushobozi n'ibisabwa ku myanya y'Abakozi bo mu cyiciro cya mbere | Article 8: Verifying performance evaluation and job profiles for public servants of the first category | Article 8 : Vérifier l'évaluation des performances et les profils d'emploi pour les agents de l'Etat de la première catégorie |
| Ingingo ya 9: Kugenzura isuzumabushobozi n'ibisabwa ku myanya y'Abakozi bo mu cyiciro cya kabiri | Article 9:Verifying performance evaluation and job profiles for public servants of the second category | Article 9 : Vérifier l'évaluation des performances et les profils d'emploi des agents de l'Etat de la deuxième catégorie |
| UMUTWE WA III: IBYEREKEYE GUSHYIRA ABAKOZI MU MYANYA NYUMA Y'IVUGURURA | CHAPTER III: MODALITIES OF PLACING PUBLIC SERVANTS AFTER RESTRUCTURING | CHAPITRE III : MODALITES D'AFFECTATION DES AGENTS DE L'ETAT APRES LA RESTRUCTURATION |
| Ingingo ya 10: Uburyo bwo gushyira Abakozi mu myanya yagize impinduka | Article 10: Modalities to place public servants on reformed posts | Article 10 : Modalités d'affectation aux postes qui ont subi des changements |
| Ingingo ya 11: Gushyirwa mu mwanya w'ubuyobozi by'agateganyo | Article 11: Provisional appointment | Article 11: Affectation provisoire |
| Ingingo ya 12: Gushyirwa mu myanya y'ubuyobozi ku buryo bw'ubusigire | Article 12: Acting position | Article 12 : Intérim |
| | | |

| | | |
|---|---|---|
| n'Izamurwa mu Ntera ry'Abakozi ba Leta; | performance appraisal and promotion of public servants; | performances et de promotion des agents de l'Etat; |
| 4 ° Iyo Umukozi yaburiwe umwanya bitewe n'ivugurura, ashakirwa undi mwanya w'umurimo mbere na mbere unganya intera n'uwo yari asanzwemo mbere; | 4 ° Where, as result of restructuring, a public servant's post has been removed or the incumbent is in redundancy, he/she shall be offered anotherjob position by considering in the first place, available poststhat have the same grade as the one he/she was occupying before restructuring; | 4 ° Lorsque l'agent de l'Etat manque un poste d'emploi à cause de la restructuration, il est affecté àun autre poste en tenant compte d'abord des postes vacants ayant le même grade que celui auquel l'agent de l'Etat était avant la restructuration ; |
| 5 ° Iyo Umukozi atabonewe undi mwanya w'umurimo unganya intera n'uwo yari asanzwemo mbere, ashakirwa undi mwanya mu cyiciro cy'imirimo (professional category) kibarizwamo umwanya yahozeho mbere; | 5 ° Where no job position of the same grade as previous has been found for a public servant, he/she shall be offered another job position falling under his/her previous professional category; | 5 ° Lorsqu'aucun poste de même grade que celui auquel l'agent de l'Etat était avant, n'est disponible, cet agent doit être affecté à un autre poste de la même catégorie professionnelle que celle du poste antérieur; |
| 6 ° Mu gihe umwanya w'umurimo wazamuriwe icyiciro cy'imirimo (professional category) ushyirwamo Umukozi binyuze mu ipiganwa; | 6 ° Where a job position has been upgraded and shifted into another professional category, it shall be filled through open competition; | 6 ° Lorsque le poste d'emploi a changé sa catégorie professionnelle à la hausse, l'institution concernée doit recruter par concours l'agent de l'Etat qui doit l'occuper; |
| 7 ° Iyo Umukozi aburiwe umwanya w'umurimo mu Rwego yakoragamo, ashyikirizwa Minisiteri y'Abakozi ba Leta n'Umurimo, agashakirwa umwanya w'umurimo mu zindi Nzego za Leta hakurikijwe ibiteganywa mu ngingo ya 13 y'aya mabwiriza; | 7 ° Where no job position has been found for a public servant within his/her employing institution, this shall be reported to the Ministry of Public Service and Labour that will look for him/her another job position elsewhere in public service in | 7 ° Lorsqu'aucun poste d'emploi n'a été trouvé pour l'agent de l'Etat dans son institution de travail, ceci est signalé au Ministère de la Fonction Publique et du Travail qui lui cherche un poste d'emploi ailleurs dans la fonction publique conformément aux |

| | | |
|---|---|---|
| | accordance with article 13 of these instructions; | dispositions de l'article 13 des présentes instructions; |
| 8 ° Imyanya cyangwa imirimo yari isanzwemo Abakozi bagengwa n'amasezerano mu Nzego za Leta, ikaba yarashyizwe mu mbonerahamwe nshya y'imyanya y'imirimo, ishyirwamo Abakozi bagengwa na Sitati Rusange igenga Abakozi ba Leta bari basanzwe mu Nzego za. Leta hakurikijwe ibiteganywa mu ngingo ya 9, iya 10 n'iya 13 z'aya mabwiriza; | 8 ° Job positions and jobs that were occupied by contractual staff and have as result of restructuring, been incorporated into the new organizational structure, shall be filled by public servants governed by the general statutes who were working within public service following provisions of articles 9, 10 and 13 of these instructions; | 8 ° Les postes et emplois antérieurement occupés par des agents de l'Etat sous contrat de travail et qui ont été intégrés sur la nouvelle structure organisationnelle suite à la restructuration, doivent être occupés par les agents de l'Etat régis par le Statut Général de la Fonction Publique qui travaillaient déjà au sein de la fonction publique ; conformément aux dispositions des articles 9, 10 et 13 des présentes instructions; |
| 9 ° Amasezerano y'akazi Abakozi (Contractual Staff) bavugwa mu gace ka 8° k'ingingo ya 3 bagiranye n'Inzego za Leta agomba guhita arangizwa, hubahirizwa neza ingingo zayo ziteganya uburyo bwo kurangiza amasezerano bagiranye n'Inzego bakorera kandi hubahirizwa Itegeko rigenga Umurimo mu Rwanda. | 9 ° Existing employment contracts concluded with staff members referred to in point 8° of this article, shall be terminated by carefully abiding by termination clauses stipulated by those contracts and the Law regulating Labour in Rwanda. | 9 ° Les contrats de travail existants conclus avec les agents dont mention au point 8° du présent article, doivent être résiliés en se conformant scrupuleusement aux clauses de résiliation prévus par ces contrats ainsi qu'à la loi portant réglementation du travail au Rwanda. |
| <u>Ingingo ya 4:</u> **Ibyiciro by'Abakozi bari mu myanya irebwa n'aya mabwiriza** | **<u>Article 4:</u> Categories of public servants governed by these instructions** | **<u>Article 4 :</u> Catégories des agents de l'Etat régis par les présentes instructions** |
| Abakozi ba Leta barebwa n'aya mabwiriza bari mu byiciro bibiri: | Public servants governed by these instructions shall be into two categories as follows: | Les agents de l'Etat régis par les présentes instructions sont dans deux catégories suivantes: |

| | | |
|---|---|---|
| **1° Icyiciro cya mbere kigizwe n'Abakozi bakurikira:** | **following public servants:** | **agents de l'Etat ...** |
| i. Abakozi basanzwe mu myanya y'imirimo itarahinduriwe ibisabwa, ntihindurirwe intera, ntihindurirwe inyito kandi n'umubare w'imyanya ihuriye ku murimo umwe bakora ukaba utaragabanutse; | i. Public servants occupying job positions whose job profiles, grades, and job titles have not been changed and whose jobpositions' number related to the same job did not reduce; | i. Agents de l'Etat occupant les postes qui n'ont pas changé leurs profils exigés, leurs grades, leurs titres et pour lesquels le nombre des postes de travail composant le même emploi n'a pas été réduit; |
| ii. Abakozi bakora ku myanya yahinduriwe inyito ariko ibisabwa n'intera ntibihinduke kandi n'umubare w'imyanya ihuriye ku murimo umwe bakora ukaba utaragabanutse. | ii. Public servants occupying job positions whosetitles have been changed but did not change on job profiles and grade and the number of their positions of the same job did not reduce; | ii. Agents de l'Etat occupant les postes qui ont changé leurs titres mais n'ont pas changé leurs profils exigés, leurs grades et pour lesquels le nombre des postes de travail composant le même emploi n'a pas été réduit; |
| **2° Icyiciro cya kabiri kigizwe n'Abakozi bakurikira:** | **2°The second category is composed of following public servants:** | **2°La deuxième catégorie comprend les agents de l'Etat suivants:** |
| i. Abakozi bakora ku myanya yahinduriwe ibisabwa; | i. Public servants occupying job positions for which job profiles have changed; | i. Agents de l'Etat occupant les postes qui ont changé de profil exigé; |
| ii. Abakozi bakora ku myanya yahinduriwe intera; | ii. Public servants occupying job positions whose grade has changed; | ii. Agents de l'Etat occupant les postes qui ont changé de grades; |
| iii. Abakozi bakora umurimo umwe wagabanyirijwe umubare w'imyanya; | iii. Public servants performing the same job for which the number of job positions has been reduced; | iii. Agents de l'Etat occupant le même emploi dont le nombre des postes de travail a été réduit ; |
| iv. Abakozi bakora ku myanya | iv. Public servants whose job positions | iv. Agents de l'Etat dont les postes ont été |

| | | |
|---|---|---|
| y'imyanya y'imirimo y'Urwego bakoramo; | organizational structure of an institution; | organisationnelle de l'institution; |
| v. Abakozi bajya mu myanya mishya yongewe ku mbonerahamwe y'imyanya y'imirimo y'Urwego. | v. Public servants to fill new job positions added on the organizational structure of an institution. | v. Agents de l'Etat qui doivent occuper les nouveaux postes mis sur la structure organisationnelle de l'institution. |
| **Ingingo ya 5: Uko ibikorwa bikurikirana mu kubahiriza aya mabwiriza** | **Article 5: Steps to follow in implementing these instructions** | **Article 5 : Etapes à suivre dans la mise en application des présentes instructions** |
| **Intambwe ya mbere:** Mu gushyira mu bikorwa aya mabwiriza, Umuyobozi w'Urwego cyangwa undi yabihereye ububasha agomba kubanza, guyatangaza ku cyicaro no kuri website y'urwego no guhuza Abakozi b'Urwego bose, akabasobanurira impinduka zabaye mu mbonerahamwe y'Imyanya y'Imirimo y'Urwego, akanabasobanurira aya mabwiriza agena ibijyanye no gushyira Abakozi mu myanya nyuma y'ivugurura. | **First step:**to implement these instructions, the head of institution or any other senior official he/she may delegate to do so, shall first and foremost publish these instructions at the office and website of the institution and gather all public servants of his/her institution to explain them both changes occurred on their organizational structure and modalities to place public servants after restructuring as laid down by these instructions. | **Première étape** :en vue de la mise en application des présentes instructions, le dirigeant de l'institution ou un autre dirigeant qu'il a déléguée à cet effet, publie ces instructions au bureau et site web de l'institution et -rassemble tout d'abord tous les agents de l'Etat de l'institution pour leurs expliquer les changements effectués sur la structure organisationnelle ainsi que les modalités d'affecter les agents de l'Etat après la restructuraticn, comme prévues par les présentes instructions. |
| **Intambwe ya kabiri:** Umuyobozi w'Urwego agaragaza urutonde rw'amanota y'isuzumabushobozi ry'Abakozi .bose ku myaka ya 2012/2013 n'uwa 2013/2014, ryakozwe hakurikijwe Iteka rya Minisitiri w'Intebe No 121/03 ryo kuwa 08/09/2010 rishyiraho uburyo bukoreshwa mu | **Second step:** the head of institution shall avail marks of performance evaluation of all public servants for fiscal years 2012/2013 and 2013/2014 as done in accordance with Prime Minister's Order N°121/03 of 08/09/2010 establishing the procedure of performance appraisal and promotion of | **Deuxième étape** : le dirigeant de l'institution disponibilise les notes obtenues par les agents de l'Etat suite à l'évaluation des performances aux années budgétaires 2012/2013 et 2013/2014 comme faits conformément à l'Arrêté du Premier Ministre N°121/03 du 08/09/2010 fixant les modalités |

| | | |
|---|---|---|
| isuzumabushobozi n'izamurwa mu Ntera ry'Abakozi ba Leta. | public servants. | d'évaluation des performances et de promotion des agents de l'Etat. |
| **Intambwe ya gatatu:** Gushyiraho itsinda rishinzwe gushyira mu bikorwa ivugurura ry'Urwego. | **Third Step:** Establishment of a panel in charge of implementing the restructuring of an institution. | **Troisième étape** : création d'un jury chargé de mettre en application la restructuration de l'institution. |
| **Intambwe ya kane:** Itsinda rishyikiriza Umuyobozi ubifitiye ububasha imyanzuro y'isuzuma yerekeye Abakozi bakwiye gushyirwa mu myanya. | **Forth Step:** the panel provides to the competent authority evaluation based recommendations indicating public servants and respective posts to occupy. | **Quatrième étape**: le jury soumet à l'autorité compétente les recommandations basées sur l'évaluation, en indiquant les agents et les postes respectifs à occuper. |
| **Intambwe ya gatanu:** Abayobozi babifitiye ububasha bashyira abakozi mu myanya, abatabonewe imyanya bakohererezwa Minisiteri y'Abakozi ba Leta n'Umurimo. | **Fifth Step:** competent authorities appoint public servants and the head of institution submits to the Ministry of Public Service and Labour a list of public servants who were not placed. | **Cinquième étape** : les autorités compétentes affectent les agents de l'Etat et le dirigeant de l'institution soumet au Ministère de la Fonction Publique et du Travail la liste des agents de l'Etat qui n'ont pas été affectés. |
| **Intambwe ya gatandatu:** Minisiteri y'Abakozi ba Leta n'Umurimo ishyira Abakozi baburiwe imyanya mu Nzego bakoragamo mu myanya y'izindi Nzego za Leta iyo hari imyanya ihari kandi bujuje ibisabwa kuri iyo myanya. | **Sixth Step**: The Ministry of Public Service and Labour shall redeploy public servants who were not appointed in their employing institution if there are vacant posts for which they meet required job profiles. | **Sixième étape**: Le Ministère de la Fonction Publique et du Travail redéploie les agents de l'Etat qui n'ont pas été affectés dans leur institution de travail s'il y a des postes vacants auxquels ils remplissent les profils exigés. |
| <u>Ingingo ya 6:</u> **Itsinda rishinzwe gushyira mu bikorwa ivugurura ry'Urwego** | <u>Article 6:</u> **Panel in charge implementing the institution's restructuring** | <u>Article 6 :</u> **Le jury chargé de la mise en application de la restructuration de l'institution** |
| Itsinda rishinzwe gushyira mu bikorwa ivugurura ry'Urwego rigomba kuba rigizwe n'Abayobozi nibura batatu (3). Umuyobozi w'Urwego ashobora kugena abandi Bayobozi biyongera mu Itsinda. Amatsinda ateye ku | The panel in charge of implementing the institution's restructuring shall be composed of at least three (3) officials. The head of institution may designate other officials to be part of the panel. Panel shall be organized as | Le jury chargé de la mise en application de la restructuration de l'institution doit être composé de trois (3) dirigeantsau moins. Le dirigeant de l'institution peut désigner d'autres dirigeants qui s'ajoutent au jury. Les |

| | | |
|---|---|---|
| Muri za Minisiteri, Itsinda rigizwe na Minisitiri ari na we uriyobora, Umunyamabanga wa Leta (aho bari), Umunyamabanga Uhoraho hamwe n'Umuyobozi w'Ishami ufite Abakozi mu nshingano ze; | In Ministries, the panel shall be headed by the Minister and composed of the Minister of State (if applicable), Permanent Secretary, and the Director responsible for human resources management; | Au sein des Ministères, le jury est dirigé par le Ministre, et composé par le Secrétaire d'Etat (là ou il est), le Secrétaire Permanent, et le Directeur chargé de la gestion des ressources humaines; |
| Mu Ntara n'Umujyi wa Kigali, Itsinda rigizwe na Guverineri w'Intara cyangwa Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali ari na we uriyobora, Umunyamabanga Nshingwabikorwa n'Umuyobozi ufite imicungire y'Abakozi mu nshingano ze; | In Provinces and Kigali City, the panel shall headed by the Governor/Mayor of Kigali City, and composed of the Executive Secretary and the Director responsible for human resources management; | Au sein des Provinces et Ville de Kigali, le jury est dirigé par le Gouverneur/Maire de la Ville de Kigali, et est composé par le Secrétaire Exécutif et le Directeur chargé de la gestion des ressources humaines; |
| Mu Bushinjacyaha Bukuru, Itsinda rigizwe n'Umushinjacyaha Mukuru ari na we uriyobora, Umushinjacyaha Mukuru Wungirije, Umunyamabanga Mukuru, n'Umuyobozi ufite imicungire y'Abakozi mu nshingano ze; | In the National Public Prosecution Authority, the panel shall be headed by the Prosecutor General, and composed of the Deputy Prosecutor General, the Secretary General and the Director responsible for human resources management; | Au sein de l'Organe National de Poursuite Judiciaire, le jury est dirigé par le Procureur Général et composé du Procureur Général Adjoint, le Secrétaire Général et le Directeur chargé de la gestion des ressources humaines; |
| Mu Bigo bya Leta, Komisiyo z'Igihugu, Inzego zihariye n'Inama z'Igihugu, Itsinda rigizwe n'Umuyobozi Mukuru w'Ikigo ari na we uriyobora, Umuyobozi Mukuru w'Ikigo Wungirije iyo ahari, abandi Bayobozi nibura babiri bashyirwaho n'Inama y'Ubuyobozi, n'Umuyobozi w'Ishami ufite imicungire y'Abakozi mu nshingano ze; | In Public Institutions, National Commissions, Specialized Organs and National Councils, the panel shall be headed by the Head of the Institution, the Deputy Head of the Institution where applicable, other two Officials at least designated by the Board of Directors, and the Director responsible for human resources management; | Au sein des Etablissements Publics, les Commissions Nationales, les Organes Spécialisés et les Conseils Nationaux, le jury est dirigé par le dirigeant de l'institution, le dirigeant adjoint de l'institution si applicable, deux autorités au moins nommées par le Conseil de l'Administration ainsi que le Directeur chargé de la gestion des ressources humaines; |
| Mu Karere, Itsinda rigizwe na Komite Nyobozi y'Akarere, Umunyamabanga | In decentralized administrative entities, the panel shall be headed by the Mayor of the | Au sein des entités administratives décentralisées, le jury est dirigé par le Maire |

| | | |
|---|---|---|
| Nshingwabikorwa, n'Umuyobozi w'Ishami ufite imicungire y'Abakozi mu nshingano ze; Umuyobozi w'Akarere ni we uyobora Itsinda. | District, and composed of other members of the Executive Committee of the District, the Executive Secretary ofDistrict, and the Director responsible for human resources management. | de District, et esta composé par d'autres membres du Comité Exécutif de District, le Secrétaire Exécutif de District ainsi que le Directeur chargé de la gestion des ressources humaines. |
| **Ingingo ya 7: Inshingano z'itsinda rishinzwe gushyira mu bikorwa ivugururura ry'Urwego** | **Article 7: Responsibilities of the Panel in charge of implementing the institution's restructuring** | **Article 7 : Attributions du Jury chargé de la mise en application de la restructuration de l'institution** |
| Itsinda rishinzwe gushyira mu bikorwa ivugurura ry'Urwego rishinzwe ibi bikurikira: | The panel responsible for implementation of the restructuring of the institution shall have the following responsibilities: | Le jury chargé de la mise en application de la restructuration de l'institution a les attributions suivantes: |
| 1°Kwerekana urutonde rw'imirimo igaragara mu mbonerahamwe nshya y'Urwego; | 1°Showing job positions on the new organizational structure of the institution; | 1°Montrer les postes d'emploi de la nouvelle structure organisationnelle de l'institution ; |
| 2°Gusuzuma ibisabwa byose kuri buri mwanya w'umurimo; | 2°Analyse the complete job profile for each job position; | 2°Faire l'analyse du profil complet requis pour chaque poste d'emploi; |
| 3°Gusuzuma ubushobozi bwa buri Mukozi hashingiwe ku bisabwa kuri buri mwanya w'umurimo; | 3°Evaluate the performance of each public servant by taking into account the job profile for each job; | 3°Evaluer les performances de chaque agent de l'Etat en tenant compte du profil requis pour chaque poste d'emploi ; |
| 4°Gusuzuma amanota umukozi yágize mu masezerano y'imihigo y'umwaka wa 2012/2013 na 2013/2014; | 4°Assess marks obtained by a public servant in his/her performance evaluation of fiscal years of 2012/2013 and 2013/2014; | 4°Faire l'analyse de la note obtenue par l'agent de l'Etat au cours de l'évaluation des performances des annéesbudgétaires 2012/2013 et 2013/2014; |
| 5°Gushyira Abakozi mu byiciro bibiri bivugwa mu ngingo ya 4 y'aya mabwiriza; | 5°Classify public servants into two categories referred to in article 4 of these instructions; | 5°Classifier les agents de l'Etat dans les catégories dont mention à l'article 4 des présentes instructions; |

| | | |
|---|---|---|
| 6°Kugeza ku Muyobozi ubifitiye ububasha imyanzuro y'isuzuma yerekeye Abakozi bakwiye gushyirwa mu myanya. | 6°Submit to the competent authority recommendations resulting from the evaluation done indicating public servants to be placed and respective posts. | 6°Soumettre à l'autorité compétente des recommandations basées sur l'évaluation faite en indiquant les agents de l'Etat à affecter et le postes correspondants. |
| **<u>UMUTWE WA II</u>: UBURYO ITSINDA RISUZUMA IBISHINGIRWAHO MU GUSHYIRA ABAKOZI MU MYANYA** | **<u>CHAPTER II</u>: MODALITIES FOR ANALYZING CRITERIA FOR PLACING PUBLIC SERVANTS** | **<u>CHAPITRE II</u> : MODALITES DE VERIFICATION DES CRITERES GUIDANT L'AFFECTATION DES AGENTS DE L'ETAT** |
| **<u>Ingingo ya 8</u>: Kugenzura isuzumabushobozi n'ibisabwa ku myanya y'Abakozi bo mu cyiciro cya mbere** | **<u>Article 8</u>: Verifying performance evaluation and job profiles for public servants of the first category** | **<u>Article 8</u> : Vérifier l'évaluation des performances et les profils d'emploi pour les agents de l'Etat de la première catégorie** |
| Itsinda rigenzura niba Abakozi bari basanzwe mu myanya ivugwa mu cyiciro cya mbere, barakorewe isuzumabushobozi ku mihigo y'umwaka wa 2012/2013 n'uwa 2013/2014 bikozwe mu matsinda ateganywa n' Iteka rya Minisitiri w'Intebe no 121/03 ryo ku wa 08/09/2010 rishyiraho uburyo bukoreshwa mu Isuzumabushobozi n'Izamurwa mu Ntera ry'Abakozi ba Leta. | The panel shall verify whether public servants occupying posts of the first category have undergone the performance appraisal for years 2012/2013 and 2013/2014 through panels as provided for by Prime Minister's Order N°121/03 of 08/09/2010 establishing the procedure of performance appraisal and promotion of public servants. | Le jury vérifie si les agents de l'Etat de la premièrecatégorieont subi l'évaluation des performances pour les années 2012/2013 et 2013/2014 faite par les jurys conformément à l'Arrêté du Premier Ministre N°121/03 du 08/09/2010 fixant les modalités d'évaluation des performances et de promotion des agents de l'Etat. |
| Itsinda rigenzura kandi ko Abakozi bujuje ibisabwa ku myanya y'umirimo hashingiwe | The panel shall also verify whether the incumbents meet the required job profiles in | Le jury vérifie aussi si les agents remplissent les profils d'emploi requis suivant la |

| | | |
|---|---|---|
| ku mbonerahamwe y'imyanya y'imirimo nshya y'Urwego. Ababyujuje kandi bagize amanota y'isuzumabushobozi angana nibura na 60% bakomeza gukora kuri iyo myanya uko bisanzwe kandi abo ntibagomba gushyirwa mu myanya bundi bushya. | accordance with the new organizational structure. Public servants who meet required profiles and have got at least 60% of marks in performance evaluation shall continue to occupy their posts as usual. For these public servants it is not necessary to appoint them anew. | nouvelle structure organisationnelle de l'institution. Les agents qui remplissent le profil requis et ayant obtenu une note équivalente à 60% au moins dans l'évaluation des performances, continuent d'occuper leurs postes sans exiger d'autres lettres d'affectation. |
| Iyo umwanya wahinduriwe inyito ariko intera yawo itarahindutse kandi n'ibisabwa kuri uwo mwanya bitarahindutse ugereranyije n'uko umwanya wari umeze mbere y'ivugurura, Umukozi awugumamo, agahabwa ibaruwa iwumushyiraho kuri iyo nyito nshya. | Where onlythe job title has been changed but the grade and job profiles have not been changed if compared to the status of the post before restructuring, the incumbent shall remain on that post and be given an appointment letter indicating the new job title. | Lorsque seul le titre d'emploi a changé alors que le grade ainsi que le profil d'emploi sont restés les mêmes comme avant la restructuration, l'occupant y reste mais reçoit une nouvelle lettre d'affectation précisant le nouveau titre de ce poste d'emploi. |
| Abakozi batujuje ibisabwa ku myanya y'imirimo bari bariho bahita binjizwa mu cyiciro cya kabiri cy'Abakozi bavugwa muri aya mabwiriza. | Public servants who don't meet job profiles required on posts they were occupying shall be included into the second category of public servants referred to in these instructions. | Les agents de l'Etat qui ne remplissent pas les profils d'emploi requis sont ajoutés aux agents de la deuxième catégorie dont mention aux présentes instructions. |
| **Ingingo ya 9: Kugenzura Isuzumabushobozi n'ibisabwa ku myanya y'Abakozi bo mu cyiciro cya kabiri** | **Article 9:Verifying performance evaluation and job profiles for public servants of the second category** | **Article 9 : Vérifier l'évaluation des performances et les profils d'emploi des agents de l'Etat de la deuxième catégorie** |
| Isuzumabushobozi rishingira ku manota y'isuzumabushobozi ku mihigo y'Abakozi bo mu myanya ivugwa mu cyiciro cya kabiri, ku mwaka wa 2012/2013 n'uwa 2013/2014 nk'uko byakozwe hashingiwe ku Iteka rya Minisitiri w'Intebe no 121/03 ryo ku wa 08/09/2010 rishyiraho uburyo bukoreshwa | Evaluation of public servants of the second category shall base on marks of their performance appraisal for fiscal years 2012/2013 and 2013/2014 as done in accordance with Prime Minister's Order N°121/03 of 08/09/2010 establishing the procedure of performance appraisal and | L'évaluation des agents de l'Etat de la deuxième catégorie doit être basée sur les notes obtenues dans l'évaluation des performances des années 2012/2013 et 2013/2014 comme faites suivant l'Arrêté du Premier Ministre N°121/03 du 08/09/2010 fixant les modalités d'évaluation des |



ƒ

| | | |
|---|---|---|
| mu isuzumabushobozi n'izamurwa mu Ntera ry'Abakozi ba Leta. | promotion of public servants. | performances et de promotion des agents de l'Etat. |
| Hakorwa kuri buri Mukozi, impuzandengo y'isuzumabushobozi ryakozwe mu myaka imaze kuvugwa haruguru kandi amanota mpuzandengo abarirwa ku 100. | For each public servant, the panel shall calculate an average of marks of performance evaluation of above mentioned years. The average shall be calculated on percentage basis. | Pour chaque agent de l'Etat, le jury fait la moyenne des points obtenus dans l'évaluation des performances de deux années ci-haut mentionnés. La moyenne se calcule en pourcentage. |
| Iyo Umukozi afite amanota y'isuzumabushobozi ry'umwaka umwe gusa mu myaka ivugwa haruguru kubera impamvu zinyuranye, icyo gihe abarirwa amanota y'umwaka umwe yakoreweho isuzumabushobozi, kandi na yo abarirwa ku 100. | In case a public servant, for any reason whatever, has marks of one fiscal year only between the two fiscal years referred to above, the panel shall consider marks of that one year for his performance evaluation. His/her marks shall be calculated on percentage basis. | Lorsque, pour une raison quelconque, l'agent de l'Etat a les points d'évaluation des performances d'une seule année parmi les années ci-haut mentionnées, le jury tient en considération ces points d'une seule année. Ces points se calculent en pourcentage. |
| Iyo Umukozi yinjiye mu kazi hagati mu mwaka wa 2013/2014 ku buryo atari yageza igihe cyo gukorerwa isuzumabushobozi, icyo gihe Umusaruro n'Imyitwarire Umukozi yagaragaje kuva yashyirwa mu mwanya ni byo bisuzumwa hashingiwe ku bikorwa amaze gukora n'imyitwarire amaze kugaragaza. Itsinda rivugwa muri aya mabwiriza rimukorera isuzumabushobozi hifashishijwe ifishi isanzwe y'isuzumabushobozi kandi akagenerwa amanota abarirwa ku 100. | If a public servant has entered the public service in the course of the year 2013/2014 that he/she has not undergone any performance evaluation,the performance and skills exhibited from the time of his/her appointment shall be considered to evaluate him/her. The panel referred to in these instructions shall evaluate his performance and skills by using the usual evaluation form. His/her marks shall be calculated on percentage basis. | Lorsque l'agent de l'Etat a entré en fonction au cours de l'année 2013/2014 de sorte qu'il n'a pas encore subi l'évaluation des performances, les performances et habilité qu'il a exhibées dès son entrée en fonction font objet d'évaluation. Le jury dont mention aux présentes instructions évalue ses performances et habilité en utilisant la fiche ordinaire d'évaluation. Les points se calculent en pourcentage. |

| | | |
|---|---|---|
| **UMUTWE WA III: IBYEREKEYE GUSHYIRA ABAKOZI MU MYANYA NYUMA Y'IVUGURURA** | **CHAPTER III: MODALITIES OF PLACING PUBLIC SERVANTS AFTER RESTRUCTURING** | **CHAPITRE III : MODALITES D'AFFECTATION DES AGENTS DE L'ETAT APRES LA RESTRUCTURATION** |
| **Ingingo ya 10: Uburyo bwo gushyira Abakozi mu myanya yagize impinduka** | **Article 10: Modalities to place public servants on reformed posts** | **Article 10 : Modalités d'affectation aux postes qui ont subi des changements** |
| Iyo umwanya umukozi yari asanzwemo wahinduriwe ingazi ntambike, uwo mukozi awugumamo iyo afite amanota y'isuzumabushobozi ahagije kandi yujuje ibisabwa kuri uwo mwanya. | When a horizontal step of a job position has been changed, the incumbent shall remain on that post if he/she has got required marks in performance evaluation and meets the relevant job profile. | Lorsque le poste d'emploi a changé son échelon horizontal, l'occupant y est affecté, s'il a obtenu la note exigée dans l'évaluation des performances et remplit le profil d'emploi requis. |
| Iyo umwanya umukozi yari asanzwemo wahinduriwe intera ukajya ku ntera yo hasi, uwo mukozi akaba afite amanota y'isuzumabushobozi ahagije kandi yujuje ibisabwa kuri uwo mwanya, awushyirwamo iyo abyemeye. Iyo atemeye uwo mwanya, ahagarikwa by'agateganyo kubera ibura ry'umurimo. | When a post has been put on lower grade than before, the incumbent who accepts it, shall be appointed on that post if he/she has got required marks of performance evaluation and meets the relevant job profile. If the incumbent does not accept that post, he/she shall be suspended for reasons of redundancy. | Lorsque le poste d'emploi a été mis sur un grade inférieur par rapport au grade antérieur, l'occupant du poste qui accepte, est affecté à ce poste s'il a obtenu la note exigée dans l'évaluation des performances et remplit le profil d'emploi requis à ce poste. Si l'occupant n'accepte pas le poste il est mis en suspension pour manque d'emploi. |
| Iyo umwanya Umukozi yari asanzwemo wahinduriwe intera ariko ntuhindure icyiciro cy'imirimo (Professionals 4, 5, 6; or Support staff 7, 8, 9) ubarizwamo Umukozi wari uwusanzwemo awushyirwamo iyo yujuje ibisabwa kuri uwo mwanya. | When a grade of job position has been changed but the job position has remained within the same job category (Professionals 4, 5, 6; or Support staff 7, 8, 9), the incumbent shall be appointed on that same job position if he/she meets the relevant required job profile. | Lorsque le grade du poste d'emploi a changé mais le poste reste dans la mêmecatégorie professionnelle (catégorie professionnelle 4, 5, 6; ou catégorie du personnel d'appui 7, 8, 9), l'occupant de ce poste y est affecté s'il remplit le profil d'emploi requis. |
| Iyo hari Umuyobozi wari ku rwego rwa 3 waburiwe umwanya w'Ubuyobozi, ashyirwa | If there is a public servant on 3 job level who is inredundancy, he/she shall be placed on | S'il y a un agent de l'Etat au poste de niveau 3, qui manque un emploi, il est affecté à un |

| | | |
|---|---|---|
| ku wundi mwanya mushya w'Ubuyobozi cyangwa ku mwanya wa *Specialist* iyo uhari kandi akaba afite Job Profile isabwa kuri uwo mwanya. | another job position of a director's level or specialist's level if the post is available and the candidate meets the relevant required job profile. | autre poste vacant ayant le niveau de directeur ou de spécialiste lorsqu'il remplit le profil exigé pour ce poste. |
| Inzego zirangije gushyira mu myanya abari Abayobozi, ariko zigasigarana imyanya iri ku rwego rw'Ubuyobozi cyangwa iya *Specialist* itarimo Abakozi mu mbonerahamwe y'imyanya y'imirimo yazo, zihita zishyikiriza Minisiteri y'Abakozi ba Leta n'Umurimo urutonde rw'iyo myanya y'Ubuyobozi cyangwa iyo ku rwego rwa Specialist itashyizwemo Abakozi. | Institutions that have finalized the placement of public servants who were on director's level but remain with vacant positions of director or specialist's level on their organizational structure, shall submit to the Ministry of Public Service and Labour the list of those remaining vacant positions on director or specialist's level. | Les institutions qui ont finalisé l'affectation des agents qui étaient aux postes de niveau de directeur, mais qui restent avec d'autres postes vacants au niveau de directeur ou spécialiste sur leur structure organisationnelle, doivent soumettre au Ministère de la Fonction Publique et du Travail la liste de ces postes vacants qui sont au niveau de directeur ou spécialiste. |
| Iyo umurimo wari ufite imyanya myinshi ikorwamo n'Abakozi benshi, ariko mu mbonerahamwe nshya uwo murimo ukaba waragabanyirijwe umubare w'imyanya, mu gushyira Abakozi mu myanya isigaye hakurikizwa uko bakurikirana mu manota babonye mu isuzumabushobozi no kuba bujuje Job Profile isabwa kuri iyo myanya. | If the job was composed of more job positions occupied by several public servants, but the number of job positions has been reduced through restructuring, the placement of public servants on the remaining job positions shall be done in accordance with the order of their marks while giving privilege to the one who got more marks and who meet the relevant required job profile. | Lorsque l'emploi était occupé par plusieurs agents de l'Etat et que le nombre de postes de ce même emploi est réduit à cause de la restructuration, l'affectation des agents aux postes qui restent doit être faite suivant l'ordre des points obtenus en privilégiant celui qui a eu la note supérieure et qui remplit le profil requis. |
| Mu gihe hari abanganya amanota, umwanya uhabwa ufite uburambe kuri ako kazi kurusha abandi. Mu gihe banganya n'uburambe umwanya uhabwa ufite amahugurwa asumba ay'abandi. Mu gihe banganya n'amahugurwa, umwanya uhabwa ufite impamyabumenyi isumba iz'abandi. | Among those who have same marks, priority shall be given to the one with more seniority on that post. If they have same seniority, priority shall be given to the one who got more training courses.If they got same training courses, priority shall be given to the one with higher academic qualification. If | Lorsqu'il y a ceux qui ont eu la même note, celui qui a plus d'expérience au poste est privilégié. Aux expériences égales, celui qui a plus de formation est privilégié. En cas des mêmes formations, celui qui a la qualification académique plus élevée est privilégié. En cas de même qualification, la |

| | | |
|---|---|---|
| Mu gihe banganya n'impamyabumenyi, umwanya uhabwa umukozi ufite ubumuga. Mu gihe bose bafite ubumuga, umwanya utangwa hashingiwe ku ihame ry'uburinganire. | same academic qualification, priority shall be given to a public servant living with disabilities, if all live with disabilities, the post shall be filled in by taking into account gender. | personne handicapée est privilégiée, s'ils sont tous handicapées on affecte l'agent en tenant compte du genre. |
| **<u>Ingingo ya 11:</u> Gushyirwa mu mwanya w'ubuyobozi by'agateganyo** | **<u>Article 11:</u> Provisional appointment** | **<u>Article 11</u>: Affectation provisoire** |
| Muri iyi ngingo, gushyirwa mu mwanya w'ubuyobozi by'agateganyo bisobanura ko hari umukandinda wagize amanota ahagije mu isuzumabushobozi akaba yujuje ibisabwa kandi akaba ari we usabirwa n'Urwego akorera ko yazemezwa n'Inama y'Abaminisitiri kuri uwo mwanya. | For the purpose of this article, provisional appointment shall be used in case there is a candidate proposed by an institution to be appointed by Cabinet on a given post.This candidate should have got the required marks in performance evaluation and must meet the relevant job profiles. | Dans le cadre du présent article, l'affectationprovisoire signifie qu'il y a un candidat que l'institution propose pour occuper un poste auquel l'affectation sera définitivementdécidée par le Conseil des Ministres. Ce çandidat doit avoir obtenu la note exigée dans l'évaluation des performances et remplir le profil d'emploi requispour ce poste. |
| Mu gihe hategerejwe ko Inama y'Abaminisitiri yemeza Abakozi mu myanya y'Ubuyobozi na Specialists Abakozi basabirwa gushyirwa muri iyo myanya bahabwa n'Umuyobozi ubifitiye ububasha amabaruwa abashyira mu myanya by'agateganyo kugira ngo abe ari yo ashingirwaho mu kubagenera imishahara n'ibindi bemererwa n'amategeko bishingiye kuri iyo myanya mishya bashyizwemo. | While waiting for their full appointment by the Cabinet, public servants including specialists whose requests are pending Cabinet approval shall be given provisional appointment letters by the competent authority. Those letters shall serve as the basis for allocating to them salaries and fringe benefits provided for those new posts in accordance with relevant laws. | En attendant la confirmation de leurs affectations par le Conseil des Ministres, les agents de l'Etat incluant les specialistes qui attendent cette affectation définitive reçoivent des lettres d'affectation provisoires octroyées par l'autorité compétente. Ces lettres servent de base pour payer des salaires et d'autres avantages liés à ces postes conformément à la loi. |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 12: Gushyirwa mu myanya y'ubuyobozi ku buryo bw'ubusigire**<br><br>Iyo umwanya ari uw'ubuyobozi ukaba utarashyizwemo Umuyobozi by'agateganyo usanzwe mu Rwego kandi usabirwa kwemezwa n'Urwego rubifitiye ububasha, Umuyobozi Mukuru w'Urwego agena mu nyandiko Umukozi ugomba kuba akora muri uwo mwanya ku buryo bw'ubusigire igihe hategerejwe ko uwo mwanya ushakirwa Umuyobozi binyuze mu ipiganwa cyangwa mu ishyirwaho. | **Article 12: Acting position**<br><br>If there is a vacant managerial job position to which no provisional appointment was made by the competent authority, the head of institution shall designate an acting public servant to occupy the post while waiting for filling the post through recruitment or nomination. | **Article 12: Intérim**<br><br>Lorsqu'il y a un poste managérial vacant pour lequel aucune affectation provisoire n'a été faite, le dirigeant de l'institution désigne l'agent de l'Etat qui doit assurer l'intérim à ce poste en attendant que ce poste soit occupé suite au recrutement ou nomination. |
| **Ingingo ya 13: Gushakirwa umwanya mu zindi Nzego za Leta**<br><br>Iyo Umukozi yari asanzwe mu mwanya ariko ukaba waravanyweho cyangwa waravugururiwe inshingano ku buryo atacyujuje ibisabwa bishya, uwo Mukozi ashakirwa undi mwanya mu Rwego asanzwe akoramo ujyanye n'ibyo yujuje bisabwa kuri uwo mwanya; atawubonerwa agashyirwa ku rutonde rw'abagomba gushakirwa indi myanya ijyanye n'ibyo bujuje bisabwa mu zindi Nzego za Leta. | **Article 13: Redeployment**<br><br>Where the job position has been removed from the structure or has been given a new job profile that the incumbent does not meet the new required job profile, that public servant shall be placed to another job position in his/her institution in accordance with his/her profile. If no job position is found for him/her, he/she shall be put on a list of public servants to be deployed in other public institutions. | **Article 13 : Redéploiement**<br><br>Lorsque le poste a été supprimé sur la structure organisationnelle ou le profil requis pour ce poste a été renouvelé de sorte que l'occupant du poste ne remplit pas le nouveau profil, l'agent de l'Etat qui occupait ce poste est affectéà un autre poste pour lequel il remplit le profil dans son institution. S'il ne trouve pas un poste d'emploi dans son institution de travail il doit être mis sur la liste des agents de l'Etat qui doivent êtredéployés dans d'autres institutions publiques. |

| | | |
|---|---|---|
| Minisiteri y'Abakozi ba Leta n'Umurimo ni yo isuzuma amadosiye y'abatabonewe imyanya mu Nzego bakoragamo ikanabashakira aho bashyirwa mu zindi Nzego za Leta igendeye ku bishingirwaho mu gushyira Abakozi mu myanya igendeye ku mahame ateganywa mu ngingo ya 3 y'aya mabwiriza. | The Ministry of Public Service and Labour shall be responsible for review of files of public servants who faced redundancy in their respective institutions and shall ensure their redeployment to other public institutions in accordance with modalities of placement of public servants contained in these instructions and by taking into accountprinciples referred to in Article 3 of these instructions. | Le Ministère de la Fonction Publique et du Travail doit analyser les dossiers des agents qui n'ont pas trouvé des postes d'emploi dans leurs institutions et procéder à leur redéploiement dans d'autres institutions publiques conformément aux modalités d'affectation prévues par ces instructions et en tenant compte des principes dont mention à l'article 3 des présentes instructions. |
| **<u>Ingingo ya 14</u>: Agaciro k'uburambe mu kazi ka Leta** | **<u>Article 14</u>:Value of work experience in public service** | **<u>Article 14</u>:Considérer l'expérience professionnelle dans la fonction publique** |
| Igihe Umukozi yashyizwe mu mwanya ufite intera iri hasi y'iy'uwo yari asanzwemo mbere y'ivugurura, uburambe bw'uwo Mukozi ku mwanya w'intera yo hejuru yahozeho, bugumana agaciro. | When a public servant has been appointed to a job position of lower grade than he/she was before restructuring, his/her experience linked to his/her former post shall be taken into consideration. | Si l'agent de l'Etat a été affecté à un poste de grade inférieur par rapport à celui du poste qu'il occupait avant la restructuration, son expérience professionnelle liée à son ancien poste doit être tenu en considération. |
| Mu gihe Umukozi yahagaritswe by'agateganyo kubera ibura ry'umurimo, nyuma akaza kubona umwanya mu zindi Nzego za Leta uri ku rwego rumwe cyangwa urwo hasi y'urwo yakoragamo, agumana uburambe yari afite ku mwanya w'umurimo yakoragamo mbere. | A public servant,who has been suspended due to job removal or redundancy, if gets another job of same or lower grade than the one of the post he/she was occupying before suspension, his/her work experience linked to the post he/she was occupying before suspension will be taken into consideration. | L'agent de l'Etat, qui a été suspendu à cause du manque d'emploi, lorsqu'il obtient un autre emploi dont le grade est inférieur ou égale à celui du poste qu'il occupait avant la suspension, son expérience professionnelle liée au poste auquel il a été suspendu doit être considérée. |
| Umukozi ushyizwe ku wundi mwanya nyuma y'ivugurura agumana uburambe yari afite ku mwanya yakoragaho bushingirwaho mu gupiganira imyanya y'imirimo mu Nzego za Leta cyangwa mu kuzamurwa mu ntera | The public servant who is appointed to another job position because of restructuring shall keep his/her work experience resulting from his/her former post. This experience shall be taken into consideration in case | L'agent de l'Etat qui a été affectéà un autre poste après la restructuration garde son expérience professionnelle liée au poste qu'il occupait avant la restructuration. Cette expérience compte lorsqu'il veut postuler sur |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 20: Igihe aya mabwiriza atangira gukurikizwa**<br><br>Aya mabwiriza atangira gukurikizwa ku munsi ashyiriweho umukono. Agaciro kayo gahera ku wa 29/07/2014.<br><br>**Kigali, ku wa 01/08/2014**<br><br>**UWIZEYE Judith**<br>**Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo** | **Article 20: Commencement**<br><br>These instructions shall come into force on the date of their signature. It shall take effect from 29/07/2014.<br><br>**Kigali, on 01/08/2014**<br><br>**UWIZEYE Judith**<br>**Minister of Public Service and Labour** | **Article 20 : Entrée en vigueur**<br><br>Les présentes instructions entrent en vigueur le jour de leur signature. Il sort ses effets à partir du 29/07/2014.<br><br>**Kigali, le 01/08/2014**<br><br>**UWIZEYE Judith**<br>**Ministre de la Fonction Publique et du Travail** |